<p>b) Ubunyamuryango mu bwiteganyirize bwa pansiyoyitegetswe n'ubwapanisiyoy'ubushaken'amategeko yerekeye uburenganzira bw'abanyamuryango, harimo n'asobanurabw'abanyamuryango, kugirango ngo bemererwe kuba abanyamuryango b'ubwiteganyirize.</p> <p>Ikigo gishyiraho amabwiriza kigaragaza ibintu bya ngombwa bigomba gushyirwa mu mategeko agenga ikigega cy'ubwiteganyirize.</p> <p>Mu minsi mirongo itatu (30) uheryeye ku umunsi ivugururwa ryemerejwe, kopi y'amategeko cyangwa y'ingingo zavuguruwe ubwazo yohererezwa ikigo gishyiraho amabwiriza, intumwa y'ikigega, umuyobozi, ushinzwe ishoramari n'umurinzi.</p> <p>Nta vugurura rigira agaciro iyo rivanaho cyangwa rigabanya uburenganzira bw'abanyamuryango b'ubwiteganyirize, keretse ari ibigenerwa abiteganyirije bizaza bidatekanyijwe cyangwa se binyuranije n'iri tegeko.</p> <p><u>Icyiciro cya II</u> : Iyandikwa n'iyemererwa</p>	<p>b) Membership to a mandatory or voluntary pension scheme and vesting rules, including rules describing the conditions under which Employees become eligible to become scheme members.</p> <p>The regulator shall issue instructions relating to the content of scheme rules.</p> <p>In case of amendment of the scheme rules, a copy of the amended scheme rules shall be transmitted to the Regulator, and the fund's Trustee, Administrator, Investment Manager and Custodian, within thirty (30) days from the date of the approval of an amendment.</p> <p>No amendment of scheme rules shall be valid if it would invalidate or reduce the rights of a Member(s) of the Scheme, except prospectively with respect to benefits not yet accrued, or if it violates this Law.</p> <p><u>Section II</u>: Registration of pension schemes and licensing of service providers.</p>	<p>b) Les conditions d'adhésion au fonds de pension obligatoire ou volontaire et de dévolution des droits, y compris les conditions d'éligibilités des membres du fonds.</p> <p>Le Regulateur détermine les éléments à inclure dans le règlement du fonds de pension.</p> <p>En cas de modification, une copie des règles du Fonds de pension doit, endéans trente (30) jours à compter de la date d'accord d'amendement, être transmise au Régulateur, Mandataire, Administrateur, Gestionnaire Investissement et du Dépositaire du Fonds.</p> <p>Aucun amendement ne sera valable que s'il pourrait fausser ou réduire les droits du membre à l'exception des prestations non encore échues, ou qui viole la présente loi.</p> <p>Section II : Enregistrement des fonds de pension et agrément des prestataires des services.</p>
---	---	--

<p><u>Article 32: Iyandikwa ry’ubwiteganyirize bwa pansiyi y’ubushake</u></p> <p>Uretse ubwiteganyirize bwa pansiyi butegetswe, nta wemerewe gushyiraho, gutunganya no kujya mu bikorwa by’ubwiteganyirize bwa pansiyi idateganywa n’iri tegeko.</p> <p>Ikigo gishyiraho amabwiriza gitanga icyemezo cy’iyandikwa ryo gahunda y’ubwiteganyirize kimaze kubona ko ubwiteganyirize bwa pansiyi bwujuje ibisabwa n’iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 33: Ibisabwa mu iyandikwa ry’ubwiteganyirize bwa pansiyi</u></p> <p>Buri bwiteganyirize bwa pansiyi iyandikwa risabirwa bugomba kuba bwujuje ibisabwa byose mu iyandikwa bishyirwaho n’ikigo gishyiraho amabwiriza.</p> <p>Ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora gushyiraho umubare w’amafranga y’iyandikwa n’amafranga ngarukamwaka yo kongera kwandikwa mu bwiteganyirize bwa pansiyi.</p> <p><u>Ingingo ya 34: Imyandikirwe</u></p>	<p><u>Article 32: Registration of voluntary Pension Scheme</u></p> <p>With the exception of Mandatory pension schemes, no person shall promote, establish or operate a Pension Scheme; unless the Pension Scheme is registered under this Law.</p> <p>The Regulator shall issue a certificate of registration for a Scheme only after it determines the pension scheme satisfies the requirements of this law.</p> <p><u>Article 33: Requirements for Registration of Pension Scheme.</u></p> <p>Each Pension Scheme for which registration is sought shall meet all the requirements set forth for registration by the regulator.</p> <p>The Regulator may determine registration fees and annual fees for the renewal of the registration of a pension scheme.</p> <p><u>Article 34: Procedures for registration of pension</u></p>	<p><u>Article 32: Enregistrement des fonds de pensions volontaires</u></p> <p>A l'exception des Fonds de pension obligatoire, nul ne peut promouvoir, établir ou exploiter un fonds de pension ; à moins que le fonds de pension est enregistré en vertu de la présente loi.</p> <p>Le Régulateur délivre un certificat d'enregistrement du fonds de pension si le fonds de pension répond aux exigences de la présente loi.</p> <p><u>Article 33 : Conditions d’enregistrement d’un fonds de pension</u></p> <p>Chaque fonds de pension pour lequel enregistrement est demandé doit remplir toutes les conditions énoncées par le régulateur pour l'enregistrement.</p> <p>Le Régulateur peut fixer les frais d’enregistrement et les frais annuels de renouvellement de l'enregistrement d'un fonds de pension.</p> <p><u>Article 34: Procédures pour l'enregistrement</u></p>
--	--	---

<p>n’imyemererwe by’ubwiteganyirize bwa pansiyoy</p> <p>Iyo hamaze gukorwa isuzumwa n’igenzurwa ry’ibyangombwa bisabwa mu iyandikisha rya gahunda ya pansiyoy, ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora kwemerera cyangwa kubuza iyandikwa ry’iryo shami kandi icyemezo kigafatwa mbere y’iminsi mirongo itandatu (60) ibarwa uherye igihe icyo kigo cyemereje ko ibyangombwa bisabwa byuzuye.</p> <p>Iyo ikigo gishyiraho amabwiriza cyemeje ko ibisabwa mu kwiyandikisha bituzuye, kibimenyeshya uwasabye mu nyadiko kugira ngo abyuzuze kandi ibi bigakorwa mu minsi cumi n’itanu (15) uherye igihe inyandiko isaba yakiriwe.</p> <p><u>Ingingo ya 35: Iyemererwa ry’abatanga servisi mu bwiteganyirize bwa pansiyoy</u></p> <p>Nta wemerewe gutanga servisi z’ubutegetsy, izo gucunga ishoramari, iz’uburinz n’iz’ubutumwa zitari iziteganyijwe n’iri tegeko.</p> <p>Umuyobozi, usinzwe ishoramari, umurinzi n’intumwa asaba ikigo gishyiraho amabwiriza kwemererwa, ashobora kwemererwa gutanga</p>	<p>scheme</p> <p>Upon examination and consideration of an application to register a pension scheme, the Regulator may grant or deny the application and make a determination no later than sixty (60) days after it determines the application is complete.</p> <p>When, the regulator determines that the application is incomplete, it shall notify the applicant in writing for completion within fifteen (15) days after the receipt of the application.</p> <p><u>Article 35: Licensing of service providers of pension schemes</u></p> <p>No person shall provide administrative, investment management, custodial and trustship services, unless it is licensed under this Law.</p> <p>An Administrator, Investment Manager, Custodian and trustee shall apply to the Regulator for licensing and may authorised to serve for more than one pension</p>	<p>de fonds de pension</p> <p>Sur examen et considération d'une demande d'enregistrement d'un fonds de pension, le Régulateur peut octroyer ou refuser la demande, et prendre la décision dans un délai dépassant pas soixante (60) jours lors qu’il trouve que la demande est complète.</p> <p>Lorsque le Régulateur trouve que la demande est incomplète, il doit en aviser le requérant par écrit pour compléter dans un délai de quinze jours (15) jours dès la réception de la demande.</p> <p><u>Article 35: Agrément des prestataires de services des fonds de pension</u></p> <p>Nul ne doit fournir des services administratifs, de gestion d’investissement, de garde et services de mandataire, à moins qu’il soit agréé par la présente loi.</p> <p>Un Administrateur, Gestionnaire d’Investissement, Dépositaire et Mandataire doit soumettre sa demande au Régulateur pour</p>
---	--	--

<p>servisi zirenze imwe mu bwiteganyirize bwa pansiyu ashingiye ku ruhushya yahawe n'ikigo gishyiraho amabwiriza.</p> <p>Ikigo gishyiraho ibisabwa kikanagena n'ibikurikizwa mu gutanga uruhushya rwo kwemererwa gukora kw'abayobozi, abashinzwe ishoramari, abarinzi n'intumwa.</p> <p><u>Ingingo ya 36:</u> Uwemererwa kuba Umuyobozi</p> <p>Uretse ikigo cya leta gifite pansiyu mu nshingano zacyo, buri bwiteganyirize bwa pansiyu bugira Umuyobozi wemezwa n'ikigo gishyiraho amabwiriza.</p> <p>Abantu bakurikira ni bo bonyine bashobora kuba umuyobozi:</p> <ul style="list-style-type: none"> a) Umukoresha utangira imisanzu umukozi ; b) Ikigo cy'Ubwishingizi ; c) Banki, Ikigo cy'Imari iciriritse cyangwa ikindi kigo icyo ari cyo cyose cy'imari ; d) undi uwo ari we wese wabigize umwuga, buri wese Ikigo gishyiraho amabwiriza cyemeza ko ashoboye imirimo y'ubuyobozi. 	<p>scheme on the basis of the licence issued to it by the Regulator.</p> <p>The Regulator shall set forth requirements, procedures for issuance of license of Administrator, Investment Manager, Custodian and trustee.</p> <p><u>Article 36:</u> A Person authorized to be an Administrator</p> <p>With the exception of public institution in charge of pension, each pension scheme shall have an Administrator approved by the Regulator.</p> <p>The following are only eligible to be an Administrator:</p> <ul style="list-style-type: none"> a) The Sponsoring Employer ; b) Insurance company; c) Bank, microfinance institution or any other financial institution; d) Any other capable professional that the Regulator may authorise to perform the administrative services. 	<p>l'agrément et peut être à servir plus d'un fonds de pension sur base de la licence qui lui est délivré par Régulateur.</p> <p>Le Régulateur doit établir les conditions, procédures pour l'octroi de licence à l'Administrateurs, Gestionnaires d'Investissement, Dépositaire et Mandataire.</p> <p><u>Article 36:</u> Personne autorisée à être Administrateur</p> <p>Exceptée l'institution publique chargée en de pension, chaque fonds de pension doit avoir un Administrateur agréé par le Régulateur.</p> <p>Les personnes suivantes sont autorisées à être Administrateur:</p> <ul style="list-style-type: none"> a) L'Employeur Contributeur ; b) la Compagnie d'assurance; c) la Banque, l'institution de microfinance ou toute autre institution financière; d) Tout autre professionnel capable que le Régulateur peut autoriser à exercer les services administratifs.
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 37: Abantu bemererwa kuba Ushinzwe Ishoramari.</u></p> <p>Uretse ikigo cya leta gifite pansiyu mu nshingano zacyo, buri bwiteganyirize bwa pansiyu bugira ushinzwe ishoramari wemezwa n'ikigo gishyiraho amabwiriza.</p> <p>Abakurikira ni bo bonyine bashobora kuba Ushinzwe Ishoramari:</p> <ul style="list-style-type: none"> a) Ikigo cy'ubwishingizi ; b) Intumwa ; c) Banki cyangwa Ikigo cy'Imari iciriritse ; d) Ikindi kigo cy'imari icyo ari cyo cyose mu by'imari ikigo gishyiraho amabwiriza cyemeza ko afite ubushobozi bwo gukora umurimo wo gucunga ishoramari. 	<p><u>Article 37: A Person authorized to be an Investment Manager</u></p> <p>With the exception of public institution in charge of pension, each pension scheme shall have Investment Manager approved by the Regulator.</p> <p>The following are only eligible to be an Investment Managers:</p> <ul style="list-style-type: none"> a) An insurance company ; b) Trustee; c) A bank or microfinance institution; d) Any other financial institution that the Regulator may authorise to perform investment management services. 	<p><u>Article 37: Personne autorisée à être un gestionnaire d'investissement</u></p> <p>Exceptée l'institution publique chargée en de pension, chaque fonds de pension doit avoir un gestionnaire d'investissement agréé par le Régulateur.</p> <p>Les personnes suivantes sont autorisées à être un gestionnaire d'investissement :</p> <ul style="list-style-type: none"> a) Une compagnie d'assurance; b) Mandataire; c) Une banque ou institution de microfinance; d) Toute autre institution financière que le régulateur peut autoriser à exercer des services de gestion d'investissement.
<p><u>Ingingo ya 38: Abemererwa kuba umurinzi</u></p> <p>Buri bwiteganyirize bwa pansiyu bugira umurinzi wemezwa n'ikigo gishyiraho amabwiriza.</p> <p>Umurinzi ni ikigo gifite ubushobozi bwo gucunga amafaranga cyangwa ibindi bifite agaciro, imigabane, inyandiko z'ibijyanye</p>	<p><u>Article 38: A Person authorized to be a Custodian</u></p> <p>Each pension scheme shall have a Custodian approved by the Regulator.</p> <p>The custodian shall be an institution having the capability to take custody cash and cash equivalents, securities, financial instruments and related</p>	<p><u>Article 38: Personne autorisée à être Dépositaire</u></p> <p>Chaque fonds de pension doit avoir un dépositaire approuvé par le Régulateur.</p> <p>Le dépositaire doit être une institution ayant la capacité de garder l'argent et équivalents de trésorerie, titres, instruments financiers et</p>

<p>n'imari cyangwa ibyemezo bifitanye isano n'imari, amasezerano cyangwa izindi nyandiko zerekana nyiri umutungo, ubugure, igurisha, ubwishyu cyangwa undi murimo ijyana n'ubucuruzi.</p> <p>Umuntu ubaye umurinzi mu bwiteganyirize bwa pansiyu ntashobora gukora undi murimo muri ubwo bwiteganyirize.</p> <p><u>Ingingo ya 39: Abemerewe kuba intumwa</u></p> <p>Keretse konti bwite yo kuzigamira izabukuru, buri kigega cy'ubwiteganyirize kigira Intumwa ishyirwaho n'Umukoresha utangira imisanzu umukozi abyumvikanyeho n'abahagarariye abakozi, akemezwa n'ikigo gishyiraho amabwiriza.</p> <p>Uwemerewe kuba intumwa ni umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cy'imari kibyemerewe. Buri muntu washyizweho nk'intumwa agomba kuzuzwa ibisabwa bijyanye n'amashuri yize bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> Ibya pansiyu cyangwa ubwiteganyirize; iby'imari; ubwishingizi; ibaruramari; ubuhanga mu mibare y'ubwiteganyirize; 	<p>certificates, contracts or other documents that indicate ownership, purchase, sale, settlement or other transactional activity.</p> <p>A person who is the Custodian for a pension scheme shall not serve in any other capacity for the same pension Scheme.</p> <p><u>Article 39: A Person authorized to be a Trustee</u></p> <p>With the exception of personal retirement saving accounts, each pension scheme shall have Trustee(s) who shall be appointed by the Sponsoring Employer in collaboration with employees' representatives and approved by the Regulator.</p> <p>A person eligible to be a trustee may be an individual or a licensed financial institution.</p> <p>An individual appointed a Trustee shall satisfy the educational requirements in one of the following fields:</p> <ol style="list-style-type: none"> Pensions or social security, Finance, Insurance, Accounting, Actuarial science, 	<p>certificats connexes, contrats ou autres documents qui attestent la propriété, l'achat, la vente, le règlement ou toute autre activité transactionnelle.</p> <p>La personne qui agit en qualité de dépositaire d'un fonds de pension ne doit pas agir contre le même pension de pension.</p> <p><u>Article 39: Personne autorisée à être Mandataire</u></p> <p>A l'exception des comptes épargne-retraite personnels, chaque fonds de pension doit avoir mandataire nommé par l'employeur contributeur, en collaboration avec les représentants des travailleurs et approuvé par le Régulateur.</p> <p>Une personne éligible mandataire peut être un individu ou une institution financière agréée. Un individu nommé mandataire doit remplir les conditions de formation dans l'un des domaines suivants:</p> <ol style="list-style-type: none"> Pensions ou sécurité sociale, Finances ; Assurance, Comptabilité, Science actuarielle ;
--	---	--

<p>f) abakozi cyangwa imicungire y'abakozi; g) irindi shami ikigo cyabugenewe cyasanga ari ngombwa.</p> <p>Abantu bakurikira nibo bonyine bashobora kuba intumwa: Uhagararuye umukoresha, uhagarariye abakozi, komiti y'abantu cyangwa undi uwo ari we wese wujuje ibisabwa.</p> <p><u>Ingingo ya 40: Ibibujijwe</u></p> <p>Ibi bikurikira birabujijwe ku murinzi, ku muyobozi, ku ucunga ishoramari no ku ntumwa:</p> <p>a) Kuba umurinzi afitanye isano n'umukoresha utangira umukozi imisanzu, intumwa, umuyobozi cyangwa ucunga ishoramari ry'ubwiteganyirize;</p> <p>b) Umuntu ashobora gukomatanya imirimo y'umuyobozi n'ucunga ishoramari ry'ubwiteganyirize iyo afite ibyemezo bikwiriye kuri buri murimo.</p> <p>c) yaba umuyobozi cyangwa ucunga ishoramari ry'ubwiteganyirize, ntagomba kugira icyo ahuriyeho</p>	<p>f) Human resource or personnel management ; g) Any other field the regulator may deem relevant.</p> <p>The following persons may be a Trustee(s): representative of the employer, representative of employees, a committee of individuals or any other qualified person.</p> <p><u>Article 40: Prohibitions</u></p> <p>The following prohibitions are applicable to the custodian, Administrator, Investment Manager and Trustee:</p> <p>a) The Custodian shall not be a Related Party of the Sponsoring Employer, Trustee, Administrator or Investment Manager of the pension Scheme;</p> <p>b) A person may act simultaneously as Administrator and Investment Manager for the same pension scheme under proper licences for each function;</p> <p>c) Neither the Administrator nor the Investment Manager of a pension Scheme shall be a Related</p>	<p>f) Ressources humaines ou gestion du personnel; g) Tout autre domaine que de la régulateur peut juger pertinent.</p> <p>Les personnes suivantes peuvent être mandataire : représentant de l'employeur, le représentant des travailleurs, un comité d'individus ou toute autre personne qualifiée.</p> <p><u>Article 40: Prohibitions</u></p> <p>Les Prohibitions suivantes sont applicables au dépositaire, administrateur, gestionnaire d'investissement et au mandataire:</p> <p>a) Le dépositaire ne doit pas être une personne liée à l'employeur contributeur, mandataire, Administrateur ou gestionnaire d'investissement du fonds de pension;</p> <p>b) Une personne peut agir simultanément en qualité d'administrateur et gestionnaire d'investissement du fonds de pension sous licence appropriée pour chaque fonction;</p> <p>c) Ni l'administrateur, ni le gestionnaire d'investissement d'un fonds de pension ne doit être une personne liée à l'employeur</p>
---	---	--

<p>n'umukoresha utanga imisanzu, intumwa cyangwa umurinzi w'ikigega cy'ubwiteganyirize. Cyakora, abakoresha batangira imisanzu abakozi n'intumwa bashobora gukora w'umuyobozi wabo w'ikigega cy'ubwiteganyirize.</p> <p>d) Abayobozi, abacunga ishoramari n'abarinzi ntibashobora kugira inyungu zigongana n'akazi bashinzwe biturutse ku mibanire yabo n'abakoresha batanga imisanzu, intumwa cyangwa undi wese.</p> <p>Ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora gusuzuma niba cyagabanya ibibujijwe n'inzitizi ariko kikagenda kireba buri kintu ukwacyo.</p> <p><u>Ingingo ya 41: Ibigenderwaho nyabyo kandi bikwiriye.</u></p> <p>Mu kugena ibigenderwaho nyabyo kandi bikwiriye by'intumwa, umuyobozi, ucunga ishoramari cyangwa umurinzi w'ubwiteganyirize ubwo ari bwo bwose cyangwa w'ikigega agomba kuba yujuje, ikigo cyabugenewe kigomba kureba ibi bikurikira:</p> <p>a) imiterere y'umuntu ijyanye n'ubunyangamugayo muri rusange,</p>	<p>Party of the Sponsoring Employer, Trustee, or Custodian of the pension scheme. However, Sponsoring Employers and Trustees may serve as their pension scheme's Administrator;</p> <p>d) Administrators, Investment Managers and Custodians shall avoid any conflict of interest, with respect to their relationship with the Sponsoring Employer(s), Trustee and each other.</p> <p>The Regulator may consider issuing narrow exceptions to these prohibitions on case-by-case basis.</p> <p><u>Article 41: Fitness and propriety requirements</u></p> <p>In assessing the fitness and propriety of a Trustee, Administrator, Investment Manager or Custodian of any Scheme, the Regulator shall consider the following:</p> <p>a) personal qualities relating to general probity, competence and soundness of judgment for fulfilling the responsibilities, and diligence with</p>	<p>contributeur, mandataire ou dépositaire du fonds de pension. Cependant, les employeurs contributeurs et mandataires peuvent servir en qualité d'administrateurs de fonds de pension ;</p> <p>d) Administrateurs, Gestionnaires d'Investissement et Dépositaires doivent éviter tout conflit d'intérêt, en rapport avec leur relation avec l'employeur contributeur, , mandateur l'un l'autre.</p> <p>Le Régulateur peut au cas par cas, accorder des exceptions étroites à ces interdictions.</p> <p><u>Article 41: Critères de dignité et de convenance</u></p> <p>En déterminant la dignité et la convenance du mandataire, administrateur, gestionnaire d'investissement ou dépositaire de tout fonds de pension, le Régulateur doit considérer les critères suivants :</p> <p>a) les qualités personnelles relatives à la probité générale, la compétence et la solidité du jugement pour accomplir les</p>
---	--	---

<p>ubushobozi n'ubushishozi mu gufata ibyemezo ngo yuzuze inshingano ze n'ubwitonzi akorana cyangwa ashobora gukorana mu shingano ze;</p>	<p>which the person is fulfilling or likely to fulfill responsibilities;</p>	<p>responsabilités et diligence avec laquelle cette personne, remplit les responsabilités ;</p>
<p>b) imyitwarire umuntu asanganywe n'imirimu yakoze irebana n'ibyerekeye umurimo cyangwa imari n'ibyerekeye by'umwihariko icyakwemeza icyo aricyo cyose ko yahamijwe ko yahombye cyangwa ko yigeze gushora imigabane, cyangwa yabaye mu nama y'ubutegetsi cyangwa umucungamutungo w'ibigo bitabashije kwishyura imyenda, cyangwa se yigeze kuba mu bashinzwe imicungire n'ubuyobozi bwa gahunda y'ubwiteganyirize yambuwe ububasha bwo kwiyandikisha cyangwa yasheshwe cyangwa se yarabaye mu burinzi bw'ikigega cyambuwe uburenganzira cyangwa cyasheshwe, bitewe no kunanirwa mu micungire, mu buyobozi cyangwa mu burinzi cyangwa se yarahamwe n'icyaha cyangwa ubufatanyacyaha mu cyaha cya ruswa, kurigisa imari, guhunga imisoro, iyezandonke, ibindi byaha byerekeye ubukungu n'imari, n'icyaha</p>	<p>b) previous conduct and previous activities concerned in business, financial matters and any evidence that the person has been declared bankrupt or has been involved as a shareholder, director or manager of insolvent enterprises, or has been involved in the management or administration of a deregistered or terminated pension scheme or custody of its Fund where the deregistration or termination was the result of any failure on the part of the management, administration or custody, or has been convicted of or has been an accomplice in any offence involving corruption, fraud, tax evasion, money laundering, other economic and financial crimes, and crime against humanity, crime of genocide or terrorism;</p>	<p>b) la conduite et activités concernées dans les affaires ou les problèmes financiers et toute preuve que la personne a été déclarée failli ou a été impliquée comme actionnaire, directeur ou gérant des entreprises tombées en faillites, ou a été impliquée dans la gestion ou administration d'un fonds de pension non enregistré ou saisir ses fonds lorsque la radiation ou fermeture était le fait de la direction, administration ou a été reconnu coupable ou a été complice de toute infraction de corruption, fraude, évasion fiscale, blanchiment d'argent, ou autre crime économique et financier, crime contre l'humanité, crime de génocide ou de terrorisme ;</p>

<p>cyibasiye inyoko muntu, icyaha cya jenoside cyangwa cy'iterabwoba;</p> <p>c) ibindi byashyirwaho n'ikigo gishyiraho amabwiriza gisanze ari ngombwa kugira ngo kirinde ikigega cy'ubwiteganyirize n'inyungu z'abanyamuryango, n'iz' abakoresha batangira imisanzu abakozi.</p> <p><u>Ingingo</u> _____ <u>ya</u> _____ <u>42:</u> _____ <u>Urutonde rw'ubwiteganyirize bwa pansiyoni n'abatanga serivisi</u></p> <p>Ikigo cyabugenewe gishyiraho, kikabika kandi kikanajyanisha n'ibihe urutonde rw'ubwiteganyirize bwa pansiyoni n'abakora uwo murimo babyemerwe nk'uko biteganyijwe n'iri tegeko.</p> <p>Buri mezi cumi n'abiri (12) y'umwaka usanzwe, ikigo cyabugenewe gishyiraho ahagaragara kandi kigatangaza mu igazeti ya leta urutonde mu gika kibanza cy'iyi ngingo.</p> <p><u>Icyiciro cya III:</u> Inshingano z'umukoresha</p>	<p>c) Any other requirement that the Regulator may consider necessary to protect the Scheme Fund and the interests of Members and Sponsoring Employers.</p> <p><u>Article 42:</u> List of pension schemes and their service providers</p> <p>The Regulator shall establish, keep and update the list of all pension schemes and their service providers licensed under this Law.</p> <p>Every calendar year, the Regulator shall post on the Regulator's website and publish in the Official Gazette of the Republic of Rwanda the list referred to in the above paragraph.</p> <p><u>Section III:</u> Obligations of sponsoring employer and</p>	<p>c) toute autre condition que le Régulateur peut juger nécessaire pour protéger les intérêts des membres et des employeurs contributeurs.</p> <p><u>Article 42 :</u> Liste des Fonds de Pension et leurs prestataires des Services</p> <p>Le Régulateur doit établir, garder et mettre à jour la liste de tous fonds de pension et de leurs prestataires des services agréés en vertu de la présente loi.</p> <p>Chaque calendrier annuel, le Régulateur doit publier la liste dont mention est faite au paragraphe premier, sur le site du Régulateur et la publier dans le journal officiel de la République du Rwanda.</p> <p><u>Icyiciro cya III :</u> Obligations de l'employeur contributeur et des prestataires des services</p>
--	---	---

<p>utanga imisanzu n’abakora umurimo w’ubwiteganyirize</p> <p><u>Ingingo ya 43: Inshingano z’umukoresha utanga imisanzu</u></p> <p>Umukoresha utangira imisanzu umukozi agomba:</p> <p>a) gushyiraho amategeko agenga ubwiteganyirize;</p> <p>b) gusaba kwiyangikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyu;</p> <p>c) gukurikirana imikorere ku buryo buhoraho afatanyije n’abahagarariye umukozi, kandi yasanga intumwa itubahiriza akazi ishinzwe cyangwa ituzuzura inshingano zayo, akayisezerera;</p> <p>d) kumenyesha ikigo gishyiraho amabwiriza ko yasezereye intumwa n’impamvu zatumye ayisezerera, akanabimenyesha abanyamuryango b’ikigega;</p> <p>e) kwishyura imisanzu agomba gutanga ku gihe hakurikijwe amategeko y’ikigega kandi akayivana ku mishahara y’abakozi, akayohereza mu gihe cyagenwe;</p>	<p>service providers</p> <p><u>Article 43: Obligations of Sponsoring Employers</u></p> <p>The Sponsoring Employer shall:</p> <p>a) Establish the Scheme Rules;</p> <p>b) Apply for registration of pension scheme;</p> <p>c) Monitor the Trustee’s performance on an on-going basis and in collaboration with employee’s representatives, discharges the trustee in case of failure to perform his/her/its duties;</p> <p>d) Report to the Regulator the discharge of trustee and the reasons, notify scheme members of such discharge;</p> <p>e) Make timely payments of the contributions as provided by the Scheme Rules, withhold and make timely remittance of the Employees’ contributions;</p>	<p><u>Article 43: Obligations de l’employeur contributeur</u></p> <p>L’employeur contributeur doit :</p> <p>a) Elaborer les règles du fonds de pension ;</p> <p>b) Faire enregistrer le fonds de pension ;</p> <p>c) Suivre la performance du mandataire sur une base continue et en collaboration avec les représentants des employés, renvoyer le mandataire en cas de défaut d’accomplir ses fonctions;</p> <p>d) Informer le Régulateur sur les raisons du renvoi du mandataire et, en informer les membres du fonds de pension en rapport avec le renvoi ;</p> <p>e) Effectuer des paiements des contributions en temps utile, tel comme prévu par le règles du fonds de pension, retenir et remettre à temps les contributions des travailleurs;</p>
--	---	---

<p>f) kugaragaza mu buryo bunoze imyenda afitiye ikigega;</p> <p>g) gukurikira ko isuzuma rikorwa n'umuhanga mu mibare y'ubwiteganyirize kugirango hagaragazwe imyenda afite iyo bisabwe.</p> <p><u>Ingingo ya 44: Inshingano z'Intumwa</u></p> <p>Intumwa igomba:</p> <p>a) kuyobora, kugenzura, no kureberera ibikorwa n'imirimo y'abantu bafite uruhare mu bikorwa y'ikigega;</p> <p>b) gukurikira ko ibikorwa by'ubwiteganyirize bikora buri gihe nk'uko biteganyijwe n'amategeko agenga ubwiteganyirize, politiki y'ishoramari n'andi mategeko akurikizwa;</p> <p>c) gushyiraho no gutora inyandiko ya politiki y'ishoramari ishingirwaho n'ikigega mu gushora imari mu buryo bw'ubushishozi bugambiriye inyungu</p>	<p>f) Be accountable for its liabilities;</p> <p>g) Ensure that an actuarial valuation is carried out by an Independent Actuary to ascertain the Employer's liabilities, if required;</p> <p><u>Article 44: Obligations of Trustee</u></p> <p>The Trustee shall:</p> <p>a) Direct, control and oversee all operations and the activities of all persons involved in its operation;</p> <p>b) Ensure that, at all times, all operations are carried out in accordance with the scheme rules and investment policy and any other applicable laws;</p> <p>c) Establish and vote a written investment policy pursuant to which the pension scheme shall be prudently invested in the best interest of members and beneficiaries;</p>	<p>f) Etre responsable de ses engagements ;</p> <p>g) S'assurer que évaluation actuarielle est effectuée par un actuaire indépendant en vue de déterminer, le cas échéant, les dettes de l'employeur;</p> <p><u>Article 44: Obligations du mandataire</u></p> <p>Le mandataire doit:</p> <p>a) diriger, contrôler et superviser toutes les opérations et activités de toutes les personnes impliquées dans ses opérations;</p> <p>b) S'assurer en tout temps, que toutes les opérations effectuées sont conformes aux règles du fonds de pension et de la politique d'investissement et de toute autre loi applicable;</p> <p>c) Mettre en place et adopter une politique d'investissement écrite en vertu de laquelle le fonds de pension doit être prudemment</p>
--	---	--

<p>z'abanyamuryango n'abo bateganyirije;</p> <p>d) gushyiraho no gusezerera bikoranywe ubwitonzi n'ubushishozi umuyobozi, ucunga ishoramari n'umurinzi mu gihe ari ngombwa kandi bikwiriye kandi mu nyungu z'abanyamuryango ko uwo muntu asimburwa;</p> <p>e) Kureba ko iyishyurwa ry'ibigenerwa abiteganyirije ryubahirijwe ku banyamuryango n'abo bateganyirije, rikorerwa igihe kandi no mu buryo nyabwo;</p> <p>f) gushyiraho umugenzuzi w'imari wigenga kugirango ajenzwe ibitabo by'umutungo n'inyandiko zishyunguye by'ubwiteganyirize bwa pansiyu, kandi byaba ngombwa, umuhanga mu mibare y'ubwiteganyirize wigenga agasuzuma agaciro k'imyenda;</p> <p>g) kureba ko inyungu z'ubwiteganyirize bwa pansiyu zirengerwa, umutungo wabwo n'abanyamuryango cyane mu gihe hari imishyikirano y'ubucuruzi, nk'igihe cy'ihuza n'igurwa no mu gihe umukoresha utangira abakozi imisanzu yahombye cyangwa yahuye n'ibibazo</p>	<p>d) Appoint and take prudent action to terminate the administrator, investment manager and custodian in cases where it is deemed necessary and appropriate and in the best interest of members to replace such person;</p> <p>e) Ensure that payment of benefits is made to members and beneficiaries when due in a timely and accurate manner;</p> <p>f) Engage an independent auditor to audit the books and records of the pension scheme and, as necessary, an independent actuary to make a valuation of liabilities;</p> <p>g) Ensure the protection of the pension scheme, its fund and members, especially during corporate transactions, such as mergers and acquisitions, and in cases where a sponsoring employer is bankrupt or facing severe economic difficulty;</p>	<p>investi dans l'intérêt des membres et des bénéficiaires;</p> <p>d) Prendre une action appropriée pour nommer, renvoyer et remplacer l'administrateur, gestionnaire de d'investissement et le dépositaire, lorsque jugé nécessaire et appropriée, et dans l'intérêt des membres;</p> <p>e) S'assurer que le paiement des prestations est fait aux membres et aux bénéficiaires en temps utile et de manière exacte;</p> <p>f) Engager un auditeur indépendant pour auditer les livres et registres du fonds de pension et, si nécessaire, un actuaire indépendant pour faire une évaluation de dettes;</p> <p>g) Assurer la protection de fonds de pension, ses fonds et les membres, en particulier lors des transactions, telles que les fusions et acquisitions, et en cas où un employeur contributeur est en faillite ou connaît des graves difficultés économiques ;</p>
--	--	--

<p>bikaze byo mu rwego rw'ubukungu;</p> <p>h) kureba ko umuyobozi, ucunga ishoramari n'umugenzuzi bashyizeho imigenzurire y'imbere mu kigo ikwiriye, imigenzurire n'iyubahirizwa bikoreshwa mu kubika inyandiko n'imirimo y'ishoramari;</p> <p>i) gushyiraho no gushimangira iyubahirizwa ritomoye rya gahunda risubizwa ibisabwa biteganyijwe n'iri tegeko ;</p> <p>j) kumenyesha ako kanya ikigo cyabugenewe umusanzu wose ugeze mu kigega n'usigaye wo kwishyurwa mu gihe kerenga iminsi 30 ;</p> <p>k) Kubahiriza indi nshingano iyo ariyo yose ihabwa intumwa n'ikigo cyabugenewe mu mabwiriza.</p>	<p>h) Ensure that the Administrator, Investment manager and custodian have established proper internal control, audit and compliance processes applicable to the keeping of records and investment activity;</p> <p>i) Establish and maintain an effective compliance program that satisfies the requirements provided by this Law ;</p> <p>j) Report immediately to the Regulator any contribution into a pension scheme Fund remains due for a period of more than thirty (30) days.</p> <p>k) Carry out any other obligation assigned to trustee by the Regulator.</p>	<p>h) S'assurer que l'Administrateur, le gestionnaire d'investissement et le dépositaire ont mis en place un contrôle interne, l'audit et le processus de conformité applicables à la tenue des dossiers et d'activité d'investissement;</p> <p>i) Etablir et maintenir un programme de conformité efficace qui satisfait aux conditions prévues par la présente loi;</p> <p>j) Donner immédiatement rapport au Régulateur de toute contribution au fonds de pension qui reste due pour une période de plus de trente (30) jours ;</p> <p>k) Effectuer toute autre obligation assignée au mandataire par le Régulateur.</p>
<p><u>Ingingo ya 45: Inshingano z'abayobozi</u></p> <p>Umuyobozi agomba:</p> <p>a) kuyobora, kugenzura no gucunga iibikorwa by'ubuyobozi bya buri muni, nk'uko</p>	<p><u>Article 45: Obligations of Administrator</u></p> <p>The Administrator shall:</p> <p>a) Direct, control and manage, day-to-day, administrative operations in accordance with the</p>	<p><u>Article 45: Obligations de l'administrateur</u></p> <p>L'administrateur doit:</p> <p>a) Diriger, contrôler et gérer, les opérations administratives quotidiennes, conformément</p>

<p>biteganywa n'amategeko akurikizwa, amategeko agenga ubwiteganyirize n'amasezerano ye n'ikigega cy'ubwiteganyirize cyangwa n'intumwa mu izina ry'ikigega cy'ubwiteganyirize;</p>	<p>applicable laws, the scheme rules and his/her/its contract with the scheme or trustee on behalf of the pension scheme;</p>	<p>aux lois applicables, aux règles du fonds de pension et de son contrat avec le fonds de pension ou le mandataire pour le compte du fonds de pension;</p>
<p>b) kubika neza inyandiko zose za ngombwa hagamijwe imigendekere myiza n'umurimo w'ubwiteganyirize, harimo inyandiko z'imisanzu yishyuwe n'iyakiriwe n'amakuru arebana n'abanyamuryango nk'amataliki y'amavuko, aho babarizwa n'amataliki binjiriyeho mu ubwiteganyirize n'ibyo bemerewe, ibyahindutse mu bunyamuryango n'andi makuru asa na yo;</p>	<p>b) maintain accurately all records necessary for the successful maintenance and operation of the pension scheme, including records of contributions paid and received and information pertaining to members, such as dates of birth, addresses, and dates of member entry into the scheme and their vesting, changes in member status, and similar data;</p>	<p>b) maintenir tous les documents nécessaires pour la tenue et opération du fonds de pension, y compris les dossiers des contributions versées et reçues et information relative aux membres, tels que les dates de naissance, adresses et dates d'adhésion au fonds de pension de membre et leurs droits acquis, changement de statut de membres, et leurs données connexes ;</p>
<p>c) kureba ko amakuru yose n'ibishyirwa ahagaragara bisabwa n'iri tegeko ko byahabwa abanyamuryango bitangwa ku gihe kandi mu buryo bwuzuye ku banyamuryango bose;</p>	<p>c) Ensure that all information and disclosures this Law requires to be provided to members are delivered in timely and accurate manner to all members;</p>	<p>c) S'assurer que toutes les informations et divulgations destinées aux membres sont exactes et données en temps utiles à tous les membres;</p>
<p>d) kugira ikoranabuhanga rya ngombwa kugira ngo yuzuze inshingano ze;</p>	<p>d) Maintain information systems necessary to successfully carry out its obligations;</p>	<p>d) Maintenir les systèmes d'information nécessaires pour mener à bien ses obligations;</p>
<p>e) gushyiraho no gushimangira iyubahirizwa ritomoye rya gahunda risubizwa ibisabwa biteganyijwe n'iri tegeko ;</p>	<p>e) Establish and maintain an effective compliance program that satisfies the requirements provided by this Law;</p>	<p>e) Etablir et maintenir un programme de conformité efficace qui répond aux</p>

<p>f) kumenyesha ako kanya ikigo cyabugenewe umusanzu wose ugeze mu kigega n’usigaye wo kwishyurwa mu gihe kerenga iminsi 30 ;</p> <p>g) kuzuzwa indi nshingano iyo ari yo yose umuyobozi ahabwa n’ikigo gishyiraho amabwiriza.</p>	<p>f) Report immediately to the Regulator any contribution into a pension scheme remains due for a period of more than thirty (30) days;</p> <p>g) Carry out any other obligation assigned to administrator by the Regulator.</p>	<p>conditions prévues par la présente loi ;</p> <p>f) Informer immédiatement le Régulateur toute contribution au fonds de pension qui reste impayée pour une période de plus de trente jours(30) jours ;</p> <p>g) S'acquitter de toute autre obligation assignée à l'administrateur par le Régulateur.</p>
<p><u>Ingingo ya 46: Inshingano z’ucunga ishoramari</u></p> <p>Ucunga ishoramari agomba:</p> <p>a) kuyobora, kugenzura no gucunga ibikorwa nk’uko biteganywa n’amategeko akurikizwa, amategeko agenga ubwiteganyirize, politiki y’ishoramari n’amasezerano ye n’ikigega;</p> <p>b) gushora umutungo hakurikijwe politiki y’ishoramari;</p> <p>c) gushyiraho no gushimangira iyubahirizwa ritomoye rya gahunda risubizwa ibisabwa biteganyijwe n’iri tegeko ;</p> <p>d) kumenyesha ako kanya ikigo</p>	<p><u>Article 46: Obligations of an Investment Manager</u></p> <p>The investment manager shall:</p> <p>a) Direct, control, manage and oversee the operations in accordance with the applicable laws and the scheme rules, investment policy and its contract with the pension scheme;</p> <p>b) Invest the assets in accordance with the investment policy;</p> <p>c) Establish and maintain an effective compliance program that satisfies the requirements provided by this Law ;</p> <p>d) Report immediately to the Regulator any</p>	<p><u>Article 46: Obligations de Gestionnaire d’investissement</u></p> <p>Le gestionnaire d’investissement doit :</p> <p>a) Diriger, contrôler, gérer et superviser les opérations conformément aux lois applicables et aux règles de fonds de pension loi, à la politique d’investissement et ses contrats avec le fonds de pension ;</p> <p>b) Investir les avoirs conformément à la politique d’investissement ;</p> <p>c) Etablir et maintenir un programme de conformité efficace qui répond aux conditions prévues par la présente loi ;</p> <p>d) Informer immédiatement au Régulateur toute</p>

<p>gishyiraho amabwiriza umusanzu wose ugeze mu kigega n'usigaye wo kwishyurwa mu gihe kirenga iminsi 30;</p> <p>e) kuzuza indi nshingano iyo ari yo yose ucunga ishoramari ahabwa n'ikigo gishyiraho amabwiriza.</p>	<p>contribution into a pension scheme remains due for a period of more than thirty (30) days;</p> <p>e) Carry out any other obligation assigned to investment manager by the Regulator.</p>	<p>contribution au fonds de pension qui reste impayée pour une période de plus de trente jours(30) jours ;</p> <p>e) Exécuter toute autre tâche assignée au gestionnaire d'investissement par le Régulateur.</p>
<p><u>Ingingo ya 47: Inshingano z'umurinzi</u></p> <p>Umurinzi agomba:</p> <p>a) Kwita ku mitungo no kuyigenzura kugira ngo yubahirize umutekeno wayo ashingiye ku masezerano agirana n'ikigega cya pansiyi;</p> <p>b) kwakira no kubika neza imisanzu yakusanyijwe mu buryo bw'amafaranga mu bihe byateganyijwe mu masezerano y'uburinzi nk'uko biteganywa n'amategeko akurikizwa n'amategeko agenga ubwiteganyirize;</p> <p>c) gushora no kuriha imitungo bivuye mu kigega cy'ubwiteganyirize nk'uko byategetswe n'intumwa</p>	<p><u>Article 47: Obligations of a Custodian</u></p> <p>The Custodian shall:</p> <p>a) Hold, control the assets in order to ensure their safekeeping pursuant to a contract with the Pension Scheme;</p> <p>b) Receive and accurately record collected contributions in amounts and within the timeframes set forth in its custody agreement and in accordance with applicable law and the scheme rules;</p> <p>c) Invest and pay out the assets from the scheme fund as directed by the trustee or the investment manager;</p>	<p><u>Article 47: Obligations du Dépositaire</u></p> <p>Le Dépositaire doit :</p> <p>a) Tenir et contrôler les avoirs en vue de s'assurer de leur conservation en vertu d'un contrat avec le Fonds de Pension ;</p> <p>b) Recevoir et sauvegarder correctement les dossiers de contributions collectées en montant et dans les délais fixés dans le contrat de dépôt conformément à la loi applicable et aux règles de fonds de pension;</p> <p>c) Investir et effectuer le paiement des avoirs provenant du fonds de pension tel que décidé par le mandataire ou le gestionnaire</p>

<p>cyangwa ucunga ishoramari;</p> <p>d) kwanga gushyikirana, iyo mu myumvire ye umushyikirano ushobora kubangamira uburenganzira bw'abanyamuryango cyangwa umukoresha utangira imisanzu umukozi;</p> <p>e) kumenyesha ako kanya intumwa umushyikirano uwo ari wo wose wakwangiriza intumwa n'ikindi icyo ari cyo cyose gishobora kugira ingaruka nk'izo ku ntumwa;</p> <p>f) kumenyesha umukoresha utangira imisanzu umukozi ku bibazo byerekeye ibikorwa by'intumwa;</p> <p>g) gushyiraho no gushimangira iyubahirizwa ritomoye rya gahunda ryujuje ibisabwa biteganyijwe n'iri tegeko ;</p> <p>h) kumenyesha ako kanya ikigo gishyiraho amabwiriza umusanzu wose ugeze mu kigega n'usigaye wo kwishyurwa mu gihe kirenga iminsi 30;</p>	<p>d) Refuse to conduct a transaction that could jeopardize the rights of the Members and the Sponsoring Employer;</p> <p>e) Report immediately to trustee any prejudicial transaction and any other unusual occurrence that could have the same effect to the Trustee;</p> <p>f) Inform the sponsoring employer on the matter relating to the actions of the trustee;</p> <p>g) Establish and maintain an effective compliance program that satisfies the requirements provided by this Law;</p> <p>h) Report immediately to the Regulator any contribution into a Scheme Fund remains due for a period of more than thirty (30) days.</p>	<p>d'investissement,</p> <p>d) Refuser de faire une transaction qui pourrait préjudicier les droits des membres ou de l'employeur contributeur;</p> <p>e) Signaler immédiatement au mandataire toute transaction préjudicielle et tout autre événement inhabituel qui pourrait avoir le même effet au mandataire ;</p> <p>f) Informer l'employeur contributeur toute question relative aux mesures du mandataire ;</p> <p>g) Etablir et maintenir un programme de conformité efficace qui répond aux conditions prévues par la présente loi ;</p> <p>h) Informer immédiatement le Régulateur toute contribution au fonds de pension qui reste impayée pour une période de plus de trente jours(30) jours ;</p>
---	---	--

